REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KW'UGUSHYINGO 2023

**10 Ukuboza 2023**

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UGUSHYINGO 2023

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ugushyingo 2023. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2023, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 9,2% ugereranyije n'Ugushyingo 2022. Ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2023 byari byiyongereyeho 11,2%.

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2023, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 17,5%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 8,3% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 6,4%.

Ugereranyije Ugushyingo 2023 n'Ugushyingo 2022, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 6,9%.

Ugereranyije Ugushyingo 2023 n'Ukwakira 2023, ibiciro byagabanutseho 1%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,3%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2023, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 9,6% ugereranyije n'Ugushyingo 2022. Ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2023 byari byiyongereyeho 14,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ugushyingo, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 15,5%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 6,2% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 17,4%.

Ugereranyije Ugushyingo 2023 n'Ukwakira 2023, ibiciro byagabanutseho 2,4%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 4,4%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2023 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 9,4% ugereranyije n'Ugushyingo 2022. Mu kwezi kw'Ukwakira 2023 ibiciro byari byiyongereyeho 12,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ugushyingo 2023, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 16%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 5,5% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 11,1%.

Ugereranyije Ugushyingo 2023 n'Ukwakira 2023, ibiciro byagabanutseho 1,9%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 4,1%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ugushyingo 2022 kugeza m'Ugushyingo 2023.**

| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **2022** | | **2023** | | | | | | | | | | |
| | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 21,7 | 21,6 | 20,7 | 20,8 | 19,3 | 17,8 | 14,1 | 13,7 | 11,9 | 12,3 | 13,9 | 11,2 | 9,2 |
| Mu byaro | 42,9 | 39,2 | 38,8 | 37,1 | 39,5 | 35,9 | 28,2 | 25,1 | 21,0 | 20,8 | 21,5 | 14,1 | 9,6 |
| Mu Rwanda | 33,8 | 31,7 | 31,1 | 30,3 | 31,0 | 28,4 | 22,4 | 20,4 | 17,3 | 17,4 | 18,4 | 12,9 | 9,4 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 0,8 | 0,0 | 1,3 | 1,8 | 1,8 | 1,1 | -1,3 | 0,4 | 0,0 | 0,9 | 3,6 | 0,3 | -1,0 |
| Mu byaro | 1,5 | -2,5 | 2,6 | 3,2 | 4,3 | 2,0 | -3,5 | -1,0 | 0,0 | 1,4 | 4,3 | 1,1 | -2,4 |
| Mu Rwanda | 1,3 | -1,5 | 2,1 | 2,7 | 3,4 | 1,7 | -2,7 | -0,4 | 0,0 | 1,2 | 4,0 | 0,8 | -1,9 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes
Email: info@statistics.gov.rw